


# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: RUGEMA Gaston

School:

Class: Year

Subject:

KNOWLEDGE IS WEALTH

RUGEMA Gaston

Ecole des Sciences BYIMANA

Cellule: BUHIGIRO

Secteur: KIMEGERI

Commune: MUKINGI

Préfecture: GITARAMA

# Ijambo ry'ibanze

Nkuko twese tubizi mu Rwanda, igihugu cyacu habaye itsembabwoko n'itsembatsemba mu 1994 ryahitanye miliyoni irenga y'abantu b'abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bubi, kuva kuri Repubulika ya KAYIBANDA kugeza ku butegetsi bwa Habyarimana n'abambari be, aribo bashoje itsembabwoko ryari ryarahereye muri 1959.

Igihugu cyacu cyari cyugarijwe n'UBUJIJI, UBUKENE na POLITIKE mbi ari nayo ntandaro ya Génocide, ariko ingabo zahoze ari iza F.P.R. zarigijigwe n'abanyarwanda bahejejwe ishyanga n'ingoma ya HABYARIMANA, bahagurukiye kurwanira uburenganzira bwabo no guca akarengane mu banyarwanda, zatangiye urugamba rwo kubohoza igihugu muri 01.10.1990, zashoboye guhagarika Génocide.

Ubwo ingaruka za Génocide ni nyinshi: Imfubyi, abapfakazi, abamugajwe na ryo no guhungabana ku buryo bukomeye. Hagiyeho Leta y'ubumwe ikemura byinshi muri byo harimo no gushyiraho ikigega gitera inkunga abacitse ku icumu ry'itsembabwoko batishoboye, kandi kitihira n'abana b'imfubyi a minerval, no kubafasha mu bindi. Icyo ni igikorwa gikwiye gushimirwa.

Turahamagarira kandi isi yose kumvanya ikitwa Génocide ariyo itsembabwoko n'itsembatsemba aribwo bugome bw'indengakamere byakorewe abatutsi n'abahutu bamwe, bitazongera kugira aho biba. Tugomba guhana abarikoze turihanukiriye, no kuvugisha "UKURI" ku itsembabwoko mu gufasha ubutabera.

# UBUHAMYA KURI GENOCIDE (ITSEMBATSEMBA)

Ubu buhamya bugabanyijemo ibice bitatu:
1) Ibyo nabonye n'ibyambayeho mbere yuko ngera i Kabgayi

2) Ibyo nabonye n'ibyambayeho i Kabgayi

3) Umunsi wo kubohozwa ariwo wo kurokoka

## 1) IBYAMBAYEHO N'IBYO NABONYE MBERE YIUKO NGERA I KABGAYI

Nk'uko twese tubizi kuva mu ijoro ryo kuri 06.04.1994, nyuma y'impanuka y'indege y'uwahoze ari Président HABYARIMANA, itsembwoko n'itsembatsemba byaratangiye.
Bamwe bakunze kuvuga ngo ryatewe n'impanuka y'iyo ndege ariko sibyo ni abashaka kuripfobya no kurihakana, ahubwo ni umugambi mubisha wo kurimbura ubwoko n'abatavuga rumwe wateguwe imyaka myinshi unashyirwa mu bikorwa.

Ubwo taliki ya 07.04.1994 ni bwo famille yacu yari i Nyamata yarimbuwe muri kiliziya, Tante n'umugabo we RUTAYISIRE Raphaël, Tante ni MUKANTABANA Josepha n'abana aribo Rutayisire Claudine, Nzirapfusezwa Adelin, Murenzi

Hari kandi na murumuna wanjye witwaga NSENGIYUMVA Jean Baptiste n'umugore we UWERA Claire we bamwiciye muri maternité n'umwana we Bumanzi Raimond n'uwo yari agiye kubyara.
Hari na Grande soeur wakoraga i Kigali bamukuye muri Saint-André witwaga MUKAMWEZI Agnès.

Muri commune yacu byahageze muri 20/4/94, ni bwo muri commune hatangiye sensibilisation zo kwica, n'impunzi zitangira kuza ziturutse ahandi. Ubwo kurya inka no gutwika amazu biratangira no kwica.

Ubwo umugabo duturanye witwa Buranakeye Mathias niwe wari ubikomeyemo cyane akoresha za sensibilisation hamwe n'uwitwa Nsengiyumva Elode n'undi witwa Kabatwa Aloys.

Ku itariki ya 24.04.94 nibwo muri cellule yacu ariyo Buhigiro batangiye gutwika amazu no kurya inka nta muntu wongeye kurara mu nzu twararaye mu rutoki hari ku cyumweru nijoro.

Umunsi wo kuwa mbere wari umunsi w'icuraburindi n'uburakari hari ku itariki ya 25.04.1994. Ubwo Buranakeye Mathias yari afite insoresore zamurindaga zirimo Sebera Alexis, na Thaddée, mu gitondo wari hanyuma yo mu rugo mu ikiyamba, imuhira abantu batinye kuhasenya Mathias ahita aza aha abantu 200 Frws, umugore we Marie Thérèse abahagarikiye maze barasenya karahava. hamwe na Marie Rose banasahura.

Ubwo Buranakeye yahise ajya i Mwendo kwa Sebukwe azana igitero cy'abahinyori kirimo ibikurankota barimo be bitwa Mahama na Petero n'abandi, ubwo baraje bahura n'igitero cy'abazigaba kirimo Murasira philbert na Hategeka Jean Bosco na Nteziyaremye Théoneste na Nzayisenga na Nsengiyumva François na Musabyimana Dixbert na Yohani wo kwa Alfred, bahura n'ikindi kivuye mu bagundano kirimo abitwa ba Sebahire, Mudacyawa, na Rudahusha n'abandi, bari bambaye amakoma n'ibishangara hamwe n'amafirimbi mu gatuza kandi bose bari bafite intwaro za gakondo

Ubwo bahise baza iwacu babura umuntu mbabonye ngiye ahita nirukanka barambwe baranyirukana abandi bakomeza umuhanda, ubwo nahise njya i Gaciye ngiye yaho bita kwa Frédéric HITIMANA.
Papa wari warakomeretse urubavu afite ikibando Mathias yamubonye ajya kwa Frédéric, Papa abonye ko yamubonye ahita ajya mu rutoki rwaho ; yahise azana ibitero byagota urugo rw'uwo mugabo barasaka bararamubura.
Numvise ifirimbi mira mu mukenke njya mu rutoki bahiga mu mukenke no mu makawa baratubura, ariko uwo rutoki ntibarugezemo.
Ubwo Mathias yari afite ubuhiri mu ntoki ariyoga ari inyuma ya kwa Frédéric ngo niba fata abahungu bo kwa Fidèle babakubise babashyira ku muhanda.
Bazagupfe nyuma y'iminsi itatu, ubwo mukuru wanjye yari muri W.C. yaho.

Ibyo bitero byiriwe byica umunyango w'abacyaba n'abandi ariko cyane cyane abagabo baralanzaga bakabakubita bakabakumba baranyiza, bakabajyana ahantu hari ishyamba rya pynus ariko babiciraga n'intwaro za gakondo kandi Mathias yari abihagarikiye ubwe.

Twebe jye na Papa, na Mama na bashiki banjye babili bato n'abana bo kwa Mugemana Louis n'umugore we n'abana twiriwe muri urwo rutoki uwo Hitimana Alfred adukingira, akatubwira.
Ubwo ibitero byatashye nka 15h00, ariko twagumamo kugeza saa moya za nijoro, turva mu rutoki dusanga iwacu bahindutse itongo, turakomeza jye na mukuru wanjye tunyura ku irembo ubwo hari barrière uwo twegereye kumubaza uko bimeze akatwihorera, turakomeza tujya kwa kamuhanda urette ko na bo ntacyo batumarije kandi twari dusanzwe tubana.

Ubwo umwitwa Hakezeko Jean Bosco aratubwira ngo tujye mu nzu y'umwitwa Claver KAYISIRE ntitwajyayo tujya ahantu mu bitare, hashize akanya tubona azanye igitero bagota inzu baratubwira basubirayo. Twari twabaze aho tujya, bwenda gucya dutekereza kujya mu Byimana, ariko tugenda dukatira za barrières, tujya mu ishyamba ngo haruguru ya Rugasari tubona kujya mu Byimana bidashoboka. tubona ibitero biragarutse guhiga, noneho bahigisha n'imbwa tuza turamanutse; tubona ibitero biturutse iwacu biriho guhiga, induru n'amafirimbi duhita twiruka tujya i Mushubati. induru zivuga hose tukagenda dukuramo imyenda bakatuyobewa ariko induru ari yose; tugera aho bita mu Bisika.

Mu byukuri kuri jye yari imperuka; twatangatangwe n'abantu n'imbwa tukahagarara; ruguru yacu haturuka umugabo witwa Gashema agiye kunkubita ubuhiri mu mutwe ntega akaboko ankubita ubuhiri gatatu mpita nikubita hasi akaboko kavunitse. ; ubwo mukuru wanjye undi yagiye kumukubita mu gahanga atega ishapule twari dufite agikubita umuhoro irashwanyaguritka yikubita mu gihuru; baratubwira ngo tuzane Radio kandi ntayo twari dufite; undi musore witwa Busoro bari bamukubise nawe yarenbye; ubwo batwambura imyenda n'inkweto; ubwo umukuru w'igitero aravuga ngo batwice ariko turatakamba tuti nimureke tujye kugwa iwacu badukubita cyane n'ibi hatira ; tugeze imbere duhura n'ikindi gitero barongera baradukubita turashegeshwa baratwambura bagiye kutwica turatakamba ngo batureke tujye kugwa iwacu. Ubwo jye numvaga ubuzima nabwambuwe bari bantwaye mu maboko mbabwira ngo tujye ku irambo babwica bigire inzira.

Ubwo twahise dufata icyemezo cyo kujya i Nyakabuye. tujya kwa mwarimu Nzayisenga Viateur baradufungurira, ariko hari abasore b'interahamwe bakuye iwacu baje babaza aho twanyuze twihisha ahongaho, basubirayo, ariko twaje kumenya ko bari boherejwe na Mathias, bimaze kwira tujya ku musore wari wararambagije mushiki wacu hafi aho nijoro tujyayo aratwakira yitwa Nchogoza Alexis aradukunda, aduhishira mu nzu, dusiburayo rimwe tumenya ko baza gusaka, dusubira iwacu n'ijoro mu ishyamba, ariko ababyeyi na bashiki banjye bari kwa Nyogokuru kuko ho hari hatarasenywa.
Mbere gato kuri 26.04.94. ku manywa hahise imodoka itanga itumire ivuye kuri commune uretse ko abagiye ahagarara bishwe.

Kuri 27.04.1994, umugore wa Mathias witwa Nyiramuremye Marie Thérèse wari umwarimukazi yazaniye Papa salaire ye yari 30.000 Frs, ahita atwaramo 10.000 Frs, kandi ntawari yayamutumye, ariko yari yabagambiye kuko yabaye akihava haza interahamwe zirimo uwitwa Niyonsaba Pascal na murumuna we Gasasira Gaspard n'abandi, uretse ko bashiki banjye bari bagiye, bahasanze Nyogokuru n'ababyeyi bacu barabaniga, barabahonda, batwara na ya yandi 20.000 Frs yarigaze babasiga ari intere barigendera.

Twakomeje kwihisha mu bihuru, tukanyuzamo tukajya i Nyakabuye, nyuma y'umunsi umwe gusa ku manywa y'ihangu: interahamwe Kabatwa Aloys bita Mashokoro, ubwo twari mu masaka araza abakeura abasohora mu nzu, inzu ahita ayisenya akura inzugi n'amadirishya abahungu be baza gusahura no gusakambura, ubwo wa musore yaje gutwara umugore we uwo munsi amujyana iwe.

Ubwo bwije Papa yahise ajya kwa Murasira Philbert, naho Nyogokuru ajya kwa Jyakaremye Alfred. Ku munsi ukurikiyeho haje igitero cya kivuye ino i Ndago kiyobowe n'uwitwa Mironko harimo n'uwitwa Ruzigana baza kwa Murasira, bashaka kwica Papa Murasira atanga Frs; Papa bamutwara imyenda n'inkweto batwara n'inka yo kwa Mupemana Louis; naje kumenya ko icyo gitero ko cyatumijwe na Mathias.

Bukeye Papa yatwandikiye lettre dushyira Frère i Bukomero dusanga Frère Nkusi atubwira ko ngo bataduhisha, ubwo twahise tujya muri plafond mu nzu y'umupadiri Ntigimira J.M.V; bukeye twirirwe muri primaire y'i Bukomero nijoro tugaruka iwacu.

Bukeye conseiller yaratubwiye ngo aduherekeje atujyane kuri commune ngo tujye i Kabgayi haza n'abandi harimo Noheli na murumuna we Eugène, ubwo conseiller yatugejeje i Nyarutovu kuri commune ishaje ariko Mathias aradukurikira ari ku igare, turagenda tugeze mu mujyi wa Byimana, imbere ya pharmacie hari barrière hari interahamwe zavuye i Kigali zirimo Kabayida na Alexandre bahita baka indangamuntu papa, baramubwira ngo irandujwe hari n'uwitwa Vincent Biteruka.

Ubwo ba bahungu twari kumwe ba Noheli na Eugène barabakubise benda kubica uretse ko ubu bariho. Baratubwiye ngo tugaruke imuhira ngo Muzehe ntacyo bazamutwara. Ubwo turagaruka imuhira Papa asubira kwa Murasira natwe dukomeza kwihisha, ariko tubona ko tugomba tugomba kujya i Kabgayi kuko ibintu byarushagaho kumera nabi no gusaka cyane.

Ku italiki ya 09.05.1994, ubwo twari twihishe munsi y'igiti cy'umureke mu rutoki uko twari batatu n'undi witwaga Mugemana Louis, uretse ko we yaramaze kugenda. Bamaze kutugemurira, haruguru yacu hanyura umuhungu witwa Nzasabimfura Evalde, aragenda abwira interahamwe ruhara ifata umuhoro iraza yomboka, akomye ifishangara turakebuka duhita twiruka, aratwirukana turamusiga afata akadobo yahasanze aragatema kubera umujinya.

Ubwo interahamwe zikoraniira ku iramba, ubwo twahise tujya i Mwendo, Mathias yohereza umuhungu we kuducunga, kuko twabonye aza ari ku igare, tugeze ku mashuri duhangayo umusore witwaga Nduhuye Jean, adushyira mu ishuri aduha ibifunguruwa, n'ibyo kwiyorosa, n'ijoro akaza kutureba, ariko nyamara ntiyaduhangayike cyane icyatumye adukorera ibyo.

Mu gitondo kare aza iwacu kuducungira, agaruka atubwira ko ari ukujya i Kabgayi.

Hari ku wa mbere taliki ya 10.5.1994, mu gitondo agaruka atubwira ko ari ukujyayo, turazamuka tugeze ruguru y'amashuri duhura na Hakizimana Jean Bosco atumwe na Mathias turajyana, kubera Mathias ariwe kwa ka muhanda kuzana radio yacu. Ubwo Papa na Mama na mukuru wacu witwaga Uwimana Berthe n'undi mukobwa witwa Bonne Marie turazamuka tujya kwa Mathias atubwira ko agiye kuduherekeza kandi ko aducisha i Mpanda.

Bwacyeye Mathias aratubwira ngo jye na Mukuru wanjye na Busaro atwereke inzira tunyura twahinguka haruguru yaho barrière, arongera aratubwira ngo hari igitero kuri twebwe twa kwa Gicumba ko agiye kubabuza kandi agiye kubabwira ngo badufate, ariko inzira yatubwiye niyo twanyuze, kuko baje kuduhiga

baratubura, ubwo yarakomeje aherekeza ababyeyi bacu twumva ngo baguye i kabgayi; natwe duhita kwa muramu wacu uwo munsi aradukerekeza tujya i kabgayi.

## 2) IBYO NABONYE NGEZE i KABGAYI

Ubuzima bw'aho bwari bubi cyane, nta mazi yari ahari nta biribwa, twaryaga rimwe mu minsi itatu; kandi nta miti ku buryo abantu benshi bishwe na za macinya na za malaria, n'imvura yari iturika ku mupango utabo kugama; abasaza n'abakecuru bapfuye cyane cyane.

kandi nta muntu wari ugisohoka mu kigo; uwasohokaga interahamwe zahitaga zimwica, zazaga mu kigo kumanywa na nijoro zitwara abo kwica.
Mu minsi mike batangiye kujya baza kuturasa n'ijoro ariko tukarwana n'amabuye ibitero tukabisubizayo ariko bamwe bakarasura.
amasasu bagapfa kubera kutavurwa.
Hari igihe uwari Minisitiri w'intebe muri gouvernement y'abatabazi KAMBANDA Jean yaje mu kigo cyacu ariyo C.N.D. ku Kamazuru, yinjira mu kigo azenguruka amazu yose; asubirayo bukeye haza Bus irimo abasirikale, impunzi zirasakaza ipeze ku rupi tubona irakaze isubiyeyo turiruhutsa, twumvaga ko impunzi zo muri collège, na primaire, na petit seminaire bajya kubicira mu Ngororero.

Muri iyo minsi hatangiye guhunga impunzi zi Bugesera kandi twumva ko zihunga inkotanyi ; ariko ubuzima bwarushagaho kumera nabi n'ibyo twafungurwaga mu minsi itatu birahagarara amazi atangira kubura baraya gungaga kandi imvura yari yose, noneho no kuloma mu kabande birahagarara kuko bari bamaze kwica umukobwa n'umusore bishwe n'interahamwe.

Barushijeho no kudutera n'ijoro, bakajya batwara abantu ugahe ku manywa kandi mbere baratinyaga abazungu bo muri C.I.C.R bari batuye hafi y'umuhanda. Bukeye twumva ko inkotanyi zigeze mu Ruhango, impunzi zikomeza kwiyongera, ubuzima burushaho guhagarara, n'amazi make yazaga arafunguwa.

ariko twumvagako impunzi zo muri collège St joseph, primaire, Petit seminaire zirimo kwicwa.

3) UMUNSI W'IBOHOZWA

Mu by'ukuri kuva ku italiki ya mbere ya kamena twari dufite ubwoba bwinshi kuko twumvaga inkotanyi zigeze hafi ariko zitazadusanga. Guhera taliki 31/5/94 baterwaga buri munsi, ariko ku italiki ya 01/6/94 bwo byari ibindi kuko twaraye turara, batwara burinda bucya.

Mu gitondo kuya 02/6/94, abazungu bo muri C.I.C.R babyutse bigendera, mu gitondo abasirikale n'interahamwe babyutse baza mu kigo gutaka umusore twitwaga Mudeberezi ngo yirukanye uwitwaga sirikale mu kigo, tubona i Gihuma interahamwe ziri mu matsinda ngo zitwa abazovulons, hashize akanya gato tubona haje toyota ebyili z'abasirikale bajya inyuma y'amazu bagota ikigo cyose,

noneho tubona birarangiye abandi binjira mu kigo, tubona n'interahamwe z'i Bihuma zitangiye kumanuka zija, kandi ni Bihuma hari imbunda nini zo kurasa mu kigo cyabo.

Ubwo nka 10h30 twumva amasasu atangiye kuvuga ku kamazuru, noneho interahamwe n'abasirikale basohoka mu kigo, tubona za nterahamwe z'i Bihuma zirirutse, ariko amasasu ariyongera cyane, abantu bose baryama hasi. Hashize hafi nk'isaha, amasasu arekera aho ariko ntawe urabyuka, mu kanya gato cyane tubona hinja njo ku kamazuru mu gahanda haturutse abasirikale bari ku murongo bagenda buhoro, impaka ziba zose bamwe bati ni Inkotanyi abandi bati ni Interahamwe.
Ubwo barakomeza bageze imbere y'ikigo cyacu bati nimusohoke mu kigo, murabohojwe ntimugipfuye, ibyishimo biba byose abantu baratemurana, abantu bakura n'abo bari bagiye kubapfuye babaga ruguru muri primaire n'ahandi bahita batubwira ngo tuje mu Byimana turakomeza no mu Ruhango, abasirikale bashaka n'imodoka zo gutwara abarwayi.

Ubwo turakomeza n'i Bugesera, intambara irangiye turatahuka turasahaa.twa

Ndashimira by'umwihariko ingabo zahoze ari iza F.P.R ubu zabaye ingabo z'igihugu kuko zadukirije ahakomeye.

Ariko jye ikirushaho kuntera agahinda ni uko nta muntu wange ndashyingura mu cyubahiro mu bantu bose 100 mu rugo rwacu n'abandi bo mu muryango.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.